

IMBUTO YO KUNYURANYA

 Nahisemo iri joro, inyandiko ngufi, cyangwa se gusoma ibyanditswe bigufi, Uwiteka nabishaka, araduha imiterere yabyo, muri Mutagatifu Matayo 13:24 kugeza kuri 30. Hanyuma rero nanjye nda—ndashaka gusoma kuva 36 kugeza 40, mu gihe gito. Noneho Mutagatifu Matayo, igice cya 13, kandi dutangirane n’umurongo wa 24 w’igice cya 13 cya Mutagatifu Matayo. Nimwunve mwitondere gusomwa kw’Ijambo. Amagambo yanjye azananiirwa, ariko ubushake Bwe ntibuzacogora.

Nuko abacira undi mugani, aravuga ati: Ubwami bwo mu ijuru bugeranywa n’umuntu wabibye imbuto nziza mu murima we:

Nuko asinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu masaka, aragenda.

Nuko amaze kumera no kwera, urukungu narwo ruraboneka.

Abagaragu be baraza babaza umutware bati, Mutware, mbese ntiwabibye imbuto nziza mu murima wawe? none urukungu rurimo rwavuye he?

Nuko arababwira ati, umwanzi ni we wagize atyo. Abagaragu be baramubaza bati, noneho urashaka ko tugenda... tukarurandura?

Nawe aravuga ati, Oya; ahari nimurandura urukungu, murarurandurana n’amasaka.

Mureke bikurane byombi bigeze igihe cyo gusarurwa: mu isarurwa nzabwira abasaruzi nti, Mubanze muteranye urukungu muruhambire imitwaro rutwikwe, maze amasaka muyahunike mu kigega.

² Mwabonye, “Mubanze mukusanye urukungu, hanyuma muruhambire”? Noneho, mu gusoma ibi, hari ikintu kidasanzwe kiza kuri nyje mu gihe nari nicaye hejuru y’Imisozi ya Catalina mw’ijoro ryakeye, mu masengesho. Hanyuma ndatekerezaga nti: “Nakura he ijamba nshobora gukoresha kubw’ibyo nashakaga kuvugaho kuri uyu mugoroba?”

³ Namanutse nsanga ijamba ryo *kunyuranya*, nabonye rero inkoranyamagambo ndeba icyo ijamba *kunyuranya* risobanura. Kandi bivuze ko ari byo “kubiba umwiriyane,” cyangwa—cyangwa, “kunyuranya,” nk’uko Webster ibivuga, “kubiba umwiriyane, ikintu gitandukanye,” cyangwa, “kuba binyuranye n’ibyahozeho.” Natekereje rero, inyandiko iri joro, nayita: *Imbuto Yo Kunyuranya*. Kandi mwizere ko Umwami azaha umugisha Ijambo Rye mu gihe turyegereye.

4 Tuzi kandi ko We yasobanuye, ku murongo wa 36 na—no kuwa 43, uburyo iyo mbuto yakuze. Kandi mu gihe tuhageze, reka n'ibyo nabyo tubisome, umurongo wa 36 noneho kugeza kuwa 43.

Nuko ubwo Yesu yaramaze gusezerera abantu, We yinjira mu nzu: maze abigishwa be baramwegera baravuga bati, Dusobanurire umugani w'urukungu rwo mu murima.

Arabasubiza ati, ubiba imbuto nziza ni Umwana w'umuntu;

Umurima ni isi; imbuto nziza ni zo bana b'ubwami; urukungu ni abana b'umubi;

Umwanzi warubibye ni umwanzi; isarura ni imperuka y'isi; abasaruzi ni abamarayika.

nkuko urukungu rurandurwa rugatwikwa mu muriro; ni ko bizaba ku mperuka y'iyi si.

Umwana w'umuntu azatuma abamalayika be, maze bazegeranya ibintu byose bigusha n'inkozi z'ibibi babikure mu bwami bwe;

babajugunye mu itanura ryaka umuriro, ni ho bazaririra bakahahekenyera amenyo.

Icyo gihe abakiranutsi bazarabagirana nk'izuba mu bwami bwa Se. Ufite ugutwi... niyumve.

5 Nguwo Yesu atanga ibisobanuro by'umugani, We ubwe, ku bw'ibyo tuzi noneho icyo ibyo bisobanuro ari cyo. Noneho mu gihe twegereye ibi, byo kubiba imbuto kandi—no gusarura, noneho We arabisobanura. Hanyuma ndizera ko Yesu yavugaga uyu mugani mu gihe Cyé, ariko yashakaga kuvuga ko bizaba ku mpera y'isi, cyangwa, kw'iherezo ry'igisekuruzi, ari ryo ryo muri iyi minsi. Kandi ndizera ko iyi nyandiko ngufi mu iri joro ikwiriye cyane ku masaha turimo, kubera ko Yesu yavuze mu buryo butandukanye hano ati: “uguterana kuzaba ku mpera y'iyi si,” ko ari bwo imperuka yazaba; kwegeranya ingano, no gukusanya ibiti no kubitwika, no gufata ingano mu Bwami. Kandi ndizera ko ari muri ubwo buryo.

6 Kandi hari ikindi Cyanditswe kintera kwizera gutya, nanditse hano, ni Matayo 24:24, aho yavuze ko, kuvuga ku i—imbuto—imbuto yo kudahuza. Yesu yavuze ko bombi bizaba begeranye kugeza ubwo byayobya n'Intore niba bishoboka. Neza neza byenda gusa.

7 Ahandi hantu mu Byanditswe ni ahanditswe, ngo imvura igwa ku bakiranutsi n'abakiranirwa.

8 Ndibuka ubunararibonye bwanjye bwa mbere bwo kuza mu bantu b'Abapentekote. Nari ndi i Mishawaka, muri Indiana. Kandi nari mu iteraniro rikomeye, icyumba cy'inama y'iteraniro

hafi nk'iki, aho abo baturutse mu Majyaruguru n'Amajyepfo bari bateraniye. Kubera iminsi yabo, yo kwanga abantu bamwe no kwemera abandi, bagombaga guhurira hariya. Hari amategeko abiri akomeye y'abavandimwe b'Abapentekote. Sinari narigeze numva ibyabo cyangwa ngo mbasange mbere. Ubwa mbere numvise bavuga mu ndimi. Kandi kumpera y'umurongo, w'amateraniro... Njye ntabwo nari umwe muri bo, nari umukozi w'Imana w'Ababatisita ukiri muto, nari mpagaze inyuma. Kandi ndibuka ubwa mbere numvise umuntu avuga mu ndimi, sinari nzi ibyo—ibyo ari byo. Noneho aba bagabo bombi, cyane cyane, bashyizwe imbere, umwe yavuga mu ndimi undi agasobanura ibyo mugenzi we avuze. Ni byiza, natangiye kwiga Bibiliya yanjye uko nshoboye, nuko icyo gihe, nsanga ibyo ari Ibyanditswe. Ni byo rwose ibyo Byanditswe, Umwuka Wera yakora.

⁹ Noneho, nyuma y'umunsi umwe nyuma yibyo... Muri iryo joro, umutima wanjye warakangutse cyane. Naraye mu murima w'ibigori. Ntabwo nari mfite amafaranga ahagije kugira ngo mbone a—a—aho kurara, nari mfite amafaranga ahagije yo kungeza mu rugo, kandi nari mfite amandazi make, muri ya minsi ya kera, yari amandazi y'uruziga, byari, nk'amafunguro yanjye yo mugitondo. Kandi nari nemerewe gusangira nabo, gusa ntabwo nari mfite amafaranga yo gutanga. Muri icyo gihe, ibyo byari mu bihe by'ihungabana ry'ubukungu, mu 1933, noneho byari—byari bigoranye icyo gihe. Nanjye ndatekereza nti: “Noneho... Sinshaka gusangira nabo, ariko ndashaka kumenya icyo bafite. Bari bafite ikintu ntafite.”

¹⁰ Muri icyo gitondo rero... numva batangaza bati: “Abakozi b'Imana bose baze imbere ku ruhimbi kandi bimenyekanishe gusa, kandi batubwire amazina yabo, ibyo bakora mu murimo w'Imana, n'aho baturutse.”

¹¹ Ni byo, njyewe—naravuze gusa ngo: “William Branham, umuvugabutumwa, w'i Jeffersonville,” ndicara. Ni byiza, icyo gihe nari umukozi w'Imana ukiri muto ku ruhimbi. Bukeye bampamagara ku ruhimbi ngo mvuge. Hanyuma nyuma yo kuvuga, twagize ibihe byiza, nuko ntangira guhura n'abantu batandukanye bantumira mu matorero yabo. Hanyuma nyuma yabo...

¹² Nyuma y'ibyo, kuki, naratekereje nti: “Iyaba nashoboraga kubona aho aba bagabo bombi nyamukuru bavugaga mu ndimi bagasobanura bari!” Ibyo byantwitse mu mutima wanjye, narabishakaga cyane. Ni byiza, nk'uko nabibabwiye mugitangira, hari impano nto ukuramo. Murabizi, impano no guhamagarwa ntibigombera kwihana, uba uyifite ubuzima bwawe bwose, nimurebe, wavukanye nazo, niba ari impano z'Imana. Buri gihe rero, kuva nkiri umwana muto muto, byambagaho, abantu banzi mu buzima bwanjye bwose, bazi ko ari ukuri. Ni byiza, niba naratekereje neza... Ntabwo nari

nzi icyo ari cyo, nkacyita iyerekwa, gusa sinari nzi icyo ari cyo. Ariko naratekereje nti: “Iyaba nari nshoboye kuvugana nabo!” Ni byiza, kandi umwuka wari mu nyubako wumvaga rwose ari Umwuka w’Imana.

¹³ Nanjye rero—Nagize amahirwe yo kuvugana n’umwe muri bo, mubaza ibibazo bike, kandi yari Umukristo nyawe. Nta gushidikanya kuri ibyo, uwo mugabo yari umwizera nyawe. Umugabo ukurikira, ubwo naganiriye nawe, niba narigeze guhura n’indyarya, uwo yari umwe muri zo. Uwo mugabo mu by’ukuri... Umugore we yari umuzungukazi ufite imisatsi y’umuhondo wijimye, kandi yari afite abana... abana babiri n’undi mugore w’imisatsi y’umukara. Naratekereje nti: “Noneho, ubu ni iki? Hano, Na—Navangiwe. yaba ndi intagondwa; rigomba kuba Ijambo, cyangwa atari iby’ukuri. Kandi dore uwo Mwuka, umwe wumvikanye, nkurikije ibyo nzi byose, utunganye; ariko wahundi ntiwari mwiza na gato; kandi Umwuka wamanukiye kuli buri wese muri bo. None, ibyo bishoboka bite?” Nashakaga kumbyumvamo ariko, byanteye urujijo.

¹⁴ Nyuma y’imyaka ibiri, nasengeraga mu buvumo aho nashoboraga kujya gusengera. Ngira umwanda w’umukungugu mu buvumo, maze nyuma ya saa sita ndasohoka, ndambura Bibiliya yanjye kw’ishami ry’igiti, nuko umuyaga urayihuha Ifungura mu Baheburayo, igice cya 6. Kiravuga, ko mu minsi y’imperuka, uko byagenda turamutse tugiye kure y’Ukuri hanyuma tukongera kwisubiraho kugira ngo twihane, nta mpongano y’ibyaha yongeye kubaho, n’uburyo ayo mahwa n’ibitovu, byari hafi yo kujugunywa, iherezo ryabyo ari ugutwikwa; ariko imvura igwa kw’isi, akenshi, kugirango ibyuhire, ibyambike; ariko amahwa n’ibitovu bigomba kujugunywa, ariko ingano zigomba gukusanywa. Kandi naratekereje nti: “Noneho, ni umuyaga gusa wahushye utuma hafunguka.” Ni byiza, nongeye gushyira Bibiliya hasi. Nuko ndatekereza nti: “Noneho, ubu gusa nza...” Nuko hano hakuzira umuyaga urahuha urahafungura. Ibyo byabaye inshuro eshatu. Maze ndatekereza nti: “Ni byiza, ubungubu, ibyo biratangaje.”

¹⁵ Hanyuma nk’uko mu gihe nahagurukaga, naratekereje nti: “Mwami, kuki Wamfunguriye iyo Bibiliya kugira ngo nsome ibyo, Na... ubwo nageraga kuri ibyo, aho ‘amahwa n’ibitovu, biri hafi yo kujugunywa, iherezo ryabyo ni ugutwikwa?’” Naratekereje nti: “Kubera iki, Wankiguriye aho?” Nuko mu gihe narebaga hakurya...

¹⁶ Noneho, iyerekwa nyaryo riza ridakwegu ibikoreshe byose. Iyo ni Imana gusa. Murareba? Naritegereje mbona isi izenguruka imbere yanjye, mbona byose byari umuvurungano. Hariho umugabo wari wambaye umweru, azenguruka abiba ingano. Amaze kuzenguruka isi; hirya no hino haza umugabo, usa

nabi, yari yambaye umukara, kandi aza atera imbuto z'ibyatsi hirya no hino. Bombi baraterana. Bamaze kubikora, bombi bagira inyota, kuko imvura yari ikenewe. Kandi buri wese yasaga nk'uwasegaga, umutwe we wunamye, "Mwami, ohereza imvura, ohereza imvura." Ibicu binini birazamuka, imvura ibagwira bombi. Bimaze kuba, ya mbuto y'ingano ntoya irasimbuka itangira kuvuga iti: "Himbazwa Mwami! Himbazwa Mwami!" Nuko urukungu ruto narwo rwasimbukiye neza ku ruhunde rumwe, maze ruravuga ruti: "Himbazwa Mwami! Himbazwa Mwami!"

¹⁷ Hanyuma iyerekwa ryarasobanuwe: Imvura igwa ku bakiranutsi no ku bakiranirwa. Umwuka umwe ushobora kugwa mu materaniro, abantu bose bakabyishimira: indyarya, Abakristu, bose hamwe. Ni byo rwose. Ariko se ibyo ni ibiki? Barazwi n'imbuto zabo. Murareba? Ni bwo buryo bwonyine zishobora kumenyekaniraho.

¹⁸ Noneho urabona ko ubungubu, kuva ingano zo mu gasozi, cyangwa ingano zo mu murima n'impeke rimwe na rimwe yigana ingano nyazo, zo mu rugo, biba byegeranye ku buryo byayobya n'intore cyane. Ndibwira ko tubayeho mu gihe gikwiye, mu gihe ibi bintu bigomba kubwirizwa no kuvugwaho.

¹⁹ Reba ku murongo wa 41, byombi nabyo biregeranye cyane, hafi cyane mu minsi ya nyuma kugeza Atabikoze... Ntiyashoboraga gushingira kw'itorero runaka kugira ngo aritandukane, vuga, Abametodisite cyangwa Ababatisita, cyangwa Abapentekote, kugira ngo ubatandukanye. We yaravuze ati: "Yohereje abamalayika Be kubatandukanya." Umumalayika aza azanye ugutandukana, gutandukanya icyiza n'ikibi. Kandi ntawe ushobora kubikora uretse Umumalayika w'Uwiteka. Ni We ugiye kuvuga igikwiye n'ikidakwiye. Imana yavuze ko Izohereza abamalayika Bayo mu bihe bya nyuma. Ntabwo ari abamalayika banyuze hano, ahubwo abamalayika bo mu gihe cya nyuma, bateranira hamwe. Turabizi ko ubu iki ari cyo gihe cyo gusarura. Noneho, *umumalayika* asobanura mu by'ukuri "intumwa." Kandi turabona ko hariho abamalayika barindwi b'amatorero arindwi, none... oya, mu bihe by'itorero.

²⁰ Reba Uwo yavuze icyo ababibyi bari cyo, kandi n'imbuto icyo ari cyo. Icyo mbere, umubibyi yari We, Umwana w'Imana, wagiye kubiba Imbuto. Umwanzi yaje inyuma ye, ari we satani, abiba imbuto zo kudahuza, nyuma yo kubiba Imbuto nzima. Noneho, nshuti, ibyo byabayeho mu bihe byose kuva twagira isi. Ni ukuri. Inzira zose kuva mu ntangiriro, zatangiye ikintu kimwe.

²¹ Noneho aravuga ati: "Imbuto y'Imana, Ijambo ry'Imana." Yesu yaravuze, ahantu runaka, ngo: "Ijambo ni Imbuto." Kandi imbuto zose zera ubwoko bwazo. Noneho kandi niba Umukristo, abana b'Imana, abana b'Ubwami babaye Imbuto z'Imana, noneho bagomba kuba Ijambo ry'Imana, Ijambo ry'Imana

ryagaragaye mu gihe babayemo, kubw'Imbuto yasezeranijwe y'icyo gihe. Imana yatanze Ijambo Ryayo mu ntangiriro, kandi buri gisekuruza cyagize Imbuto zacyo, igihe cyacyo, n'amasezerano yacyo.

²² Noneho, ubwo Nowa yazaga ku murimo, yari Imbuto y'Imana, Ijambo ry'Imana muri icyo myaka.

²³ Igihe Mose yazaga, ntabwo yashoboraga kuzana ubutumwa bwa Nowa, ntabwo byahura, kuko yari Urubuto rw'Imana muri kiriya gihe.

²⁴ Noneho igihe Kristo aje, ntashobora kuzana na Nowa cyangwa mu gihe cya Mose; cyari igihe Cyé, kugira ngo umwari atwite maze abyare Umwana, kandi Uwo azaba Mesiya.

²⁵ Noneho, twabayeho mu bihe bya Luteri, imyaka ya Wesley (imyaka ya Metodiste), byose kuva ibisekuruza bya kera, hamwe na pentekote, kandi buri myaka ihabwa isezerano ry'Ijambo. Kandi abantu bo muri kiriya gihe, bagaragaza Ijambo ryasezeranijwe, ni Imbuto y'icyo gisekuruza, ukurikije ibyo Yesu yavuze hano, "Ni abana b'Ubwami." Ni byo. Kugaragaza Umwuka Wera ukorera mu bana Bayo ni Imbuto y'Ubwami muri icyo gisekuruza.

²⁶ Mumenye, igiti cyari kimwe, umwanzi, Satani, wabibye umwiriyane, cyangwa—cyangwa imbuto yo kunyuranya, ni we wahamwe n'icyaha cyo gukora iki kintu giteye ubwoba. Satani yabibye imbuto ye kuva ku ntangiriro, igihe Imana yashyiraga umusaruro Wayo wa mbere w'abantu kw'isi. Adamu, birumvikana, nk'uko yari azi ko hariho u—ubumenyi bw'ukuri, n'icyiza n'ikibi, kandi ntabwo yari yarigeze abigeraho na busa.

²⁷ Ariko turabimenye, Imana yahaye abana Bayo Ijambo Ryayo kugira ngo ribarengere. Ibyabo... Nta bundi Bwirinzi dufite uretse Ijambo ry'Imana. Ni ryo Bwunganizi bwacu. Nta bisasu, nta buhungiro, nta hantu hihishe, nta Arizona cyangwa Kaliforniya, cyangwa aho ari ho hose; hariho Ubuhungiro bumwe gusa dufite, ni Ijambo. Kandi Jambo yahinduwe umubiri atura muri twe, ari we Kristo Yesu. Ni we Murengezi wenyine. Turi muri We, dufite umutekano.

²⁸ Nta n'ubwo icyaha cyitirirwa umwizera nyawe. Wari ubizi? Uvutse ku Mana, ntakora icyaha, ntashobora gukora icyaha. Murareba? Nta n'ubwo byashyizwemo. Kubera iki, Dawidi yaravuze ati: "Hahirwa umuntu Imana itazabaraho icyaha." Iyo uri muri Kristo, ntabwo wifuza gukora icyaha. "Usenga, iyo amaze kwezwa, nta mutimanama w'icyaha aba afite," ntucyifuza. Noneho, kw'isi, ushobora kuba umunyabyaha; ariko, ku Mana, ntabwo ari ko uri, kuko uri muri Kristo. Ni gute ushobora kuba umunyabyaha mu gihe uri Umudacumura, kandi Imana ibona gusa Uwo urimo?

²⁹ Ubu iki ni cyo gihe cyo gusarura. Ku ikubitiro, igihe Imana yabibaga Imbuto Yayo kw'isi ikayitanga mu mitima

y'abana Bayo, umuryango Wayo, gukomeza iryo Jambo, ni ryo myugariro yabo yonyine, komeza iryo Jambo! Hano haza umwanzi asenya iyo bariyeri, abiba imbuto zinyuranye, zinyuranyije n'Ijambo ry'Imana. Niba ibyo byari binyuranye mu ntangiriro, biracyakomeza. Ikintu cyose cyongera ikintu kw'Ijambo ry'Imana, kiba ari imbuto yo kunyuranya! Sinzi aho biva, niba biva mu mashyirahamwe, niba biva mu masoko ya gisirikare, niba biva mu bubasha bwa politiki, ikintu cyose kinyuranye n'Ijambo ry'Imana, ni imbuto yo kunyuranya.

³⁰ Iyo umugabo ahagaze akavuga ko ari umubwiriza w'Ivanjili, akavuga ngo: "iminsi y'ibitangaza yararangiye," iyo ni imbuto yo kunyuranya. Iyo umugabo ahagaze akavuga ko ari umukozi, umushumba w'itorero ry'aho, kandi ntiyemere ko Yesu Kristo ari umwe muri buri kintu cyose (usibye umubiri ugaragara), udahinduka ejo, uyu munsu, n'ibihe byose, ni yo mbuto yo kunyuranya. Iyo avuze ngo: "ibitangaza n'igihe cy'intumwa byararangiye," iyo ni imbuto yo kunyuranya. Iyo bavuze ngo: "Gukira indwara guturuka ku Mana ntikubaho," iyo ni imbuto yo kunyuranya. Kandi ngo isi iruzuye. Iraterana ikaniga ingano.

³¹ Tubona ko umubibyi wa mbere w'imbuto zo kunyuranya yiswe "satani," kandi tuzi ko byari, mw'Itangiriro igice cya 1. Noneho turabimenye, kandi hejuru hano mu—mu gitabo cya Matayo, igice cya 13, Yesu aracyakomeza kwita ikintu cyose kinyuranya n'Ijambo Rye "satani." Kandi uyu mwaka wa 1956, ikintu cyose kibiba ukudahuza, kinyuranyije n'Ijambo ry'Imana ryanditswe, cyangwa gishyira ibisobanuro byihariye kuri ryo, ni imbuto yo kunyuranya. Imana ntizayiha agaciro. Ntishobora. Ntabwo izavanga. Nta kabuza. Ni nk'imbuto ya sinapi; ntiyivanga n'ibindi byose, ntushobora kubivanga, igomba kuba ari ikintu cy'umwimerere. Imbuto yo kunyuranya!

³² Noneho dusanga, igihe Imana yabibaga Imbuto zayo mu busitani bwa Edeni, tubona ko ibyo ari byo byatanze ivuka rya Abeli. Ariko igihe Satani yabibaga imbuto ye itandukanye, byatanze ivuka rya Kayini. Umwe yabyaye umukiranutsi; undi abyara uwo gukiranirwa. Kubera ko Eva yumvise ijamba ryo kunyuranya, rinyuranyije n'Ijambo ry'Imana, kandi byatangiye intandaro y'icyaha kizenguruka aho, kandi kuzunguruka byatangiye kuva icyo gihe. Kandi ntituzigera tubisohora byose kugeza ubwo abamalayika bazaza bagatandukanya ibintu, Imana ijyana abana bayo mu Bwami, kandi ibyatsi bizatwikwa. Mwitegereze iyo mizabibu yombi.

³³ Iyaba twari dufite umwanya uhagije kuri iyi ngingo, ariko kugira ngo dufate ingingo zikomeye, dushobora rero kujya mu gihe cyo gusengera abarwayi mu minota mike iri imbere.

³⁴ Murebe, imbuto zabo zakuriye hamwe nk'uko Imana yabivuze hano no mu gice cya 13, cy'inyandiko yacu iri joro, ya Matayo, "Mureke bikurane byombi." Noneho, Kayini yagiye

mu gihugu cya Nodi, asangayo umugore, barashyingiranwa; hanyuma Abeli ariwaga, Imana ihagurutsa Seti kugira ngo amusimbure. Nuko ibisekuruza byatangiyeye kugenda, hagati y'icyiza n'ikibi. Noneho, turabona ko bateranye, buri wese muri bo, igihe ku kindi, kandi Imana yagombaga... Byabaye bibi kugeza igihe Imana yagombaga kubisenya.

³⁵ Ariko amahereze barasohoka kugeza ubwo izo mbuto zombi, imbuto yo kunyuranya n'imbuto y'Imana, bagaragaje imitwe yabo nyakuri, kandi ibyo byarangiriyeye muri Yuda Isikariyoti no muri Yesu Kristo. Kubera ko, Yari Imbuto y'Imana, Yari intangiriro yo kurema kw'Imana, Nta kindi yari cyo uretse kuba Imana. Kandi Yuda Isikariyoti yavutse ari umwana wo kurimbuka, ava ikuzimu, asubira ikuzimu. Yesu Kristo yari Umwana w'Imana, Ijambo ry'Imana ryagaragajwe. Yuda Isikariyoti, mu buryo bunyuranye, yari imbuto ya satani, yaje kw'isi, no kubeshya; nk'uko Kayini yari ameze mu ntangiriro, uwahoze ari se.

³⁶ Yuda yakinaga mw'itorero gusa. Ntiyari afite umutima umenutse. Mu by'ukuri ntabwo yari afite ukwizera; ntabwo yari guhemukira Yesu. Ariko, nimurebe, yabibye iyo mbuto yo kunyuranya. Yatekereje ko ashobora kugirana ubucuti n'isi, Ubutungira, ndetse akanagirana ubucuti na Yesu, ariko byari byatinze kuri we kugira icyo abikoraho. Igihe cy'isaha cy'urupfu kigeze, ubwo yakoraga iki kintu kibi, yarenze umurongo utandukanya uri hagati yo kuja imbere no gusubira inyuma. Yagombaga gukomeza inzira, nuko agenda nk'umushukanyi. Yabibye imbuto yo kunyuranya, yagerageje kugirira neza iyo miryango ikomeye yo muri iyo minsi, hamwe n'Abafarisayo n'Abasadukayo. Kandi yibwiraga ko azagira umugabane w'amafaranga, kandi ko azaba icyamamare agakundwa mu bantu. Niba ibyo bidatera abantu benshi kwinjira muri uko kunyuranya, bagerageza gushaka ubutoni ku muntu! Reka dushake ubutoni ku Mana, atari ku muntu. Ariko ibyo ni byo Yuda yakozwe mu gihe uku kunyuranya kwagurumanaga muri we.

³⁷ Kandi tuzi ko Yesu yari Ijambo, Mutagatifu Yohani igice cya 1, yaravuze ati: "Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yari kumwe n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Kandi Jambo yahinduwe umubiri aba hagati yacu." Noneho, Ijambo ni Imbuto, hanyuma Urubuto ruhinduka umubiri kandi rutura muri twe.

³⁸ Niba Yuda yari urubuto rw'umwanzi no kunyuranya, narwo rwahindutse umubiri hagati yacu rutura muri Yuda Isikariyoti. Ntiyigeze agira kwizera nyako, gushyitse. Yari afite ibyo *yibwiraga* ko ari ukwizera. Hariho icyo kintu nko kugira ukwizera; no kwihangira ukwizera.

³⁹ Kandi kwizera kw'ukuri kwizera Imana, kandi Imana ni Ijambo, ibyo ntacyo bizaryongeraho na gito. Bibiliya itubwira

ko niba twongeyeho ijambo rimwe, cyangwa tugakuraho Ijambo rimwe, uruhare rwacu ruzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo, Ibyahishuwe igice cya 22:18, igice cya nyuma gisoza.

⁴⁰ Mw'Itangiriro, Igitabo cya mbere cya Bibiliya, Imana yababwiye kutarenga Ijambo na rimwe ry'ibyo, "Ijambo ryose rigomba kubahirizwa," bagomba kubaho bakurikiza iryo Jambo. Yesu, hagati mu Gitabo, yaraje uvuga ibyo mu gihe Cyé, ati: "Umuntu ntazabeshwaho n'umugati wonyine, ahubwo azabaho ku bw'Ijambo ryose—rituruka mu kanwa k'Imana." Kandi mu gihe cyo gusoza Ibyahishuwe, byahanuwe, ko, "Umuntu wese uzakura Ijambo rimwe mu Gitabo, cyangwa akongeraho ijambo rimwe, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo."

⁴¹ Kubw'ibyo, ntakintu gishobora kuba igicucu, uretse gusa ukuri, kutavangiye kw'Ijambo ry'Imana! Abo ni abana b'Imana, abakobwa b'Imana, batavutse ku bushake bwa muntu, cyangwa mu gukorana mu kiganza, cyangwa uburyo runaka bwo kubatizwa; ariko yavukiye mu Mwuka w'Imana, n'Umwuka Wera, n'Ijambo ryigaragaza Ubwaryo binyuze muri bo. Iyo ni yo Mbuto nyayo y'Imana!

⁴² Umwanzi yinjira mu rusengero ahinduka umuntu ugororotse mu myizerere cyangwa ikindi kintu. Ariko ibyo si byo. . . Ibyo ni ukunyuranya, ikintu icyo ari cyo cyose kibangamira ubwo buryo bw'Ukuri nyako kw'Ijambo ry'Imana.

⁴³ Twabwirwa n'iki? Turavuga tuti: "Ni byiza, ko, ufite uburenganzira bwo kubisobanura?" Oya, mugenzi! Nta muntu ufite uburenganzira bwo gusobanura Ijambo ry'Imana. Ni umusobanuzi w'Ibyayo Bwite. Irabisezeranya, noneho Ikabikora, ni byo bisobanuro byayo. Iyo yabisezeraniye, noneho Irabisohozza, ni bwo busobanuro Bwabyo. Ikintu cyose kinyuranye n'Ijambo ry'Imana ni ikinyuranyo! Rwose!

⁴⁴ Noneho, nk'uko nabivuze, Yuda ntabwo yari afite ukwizera nyako. Yari afite kwihangira ukwizera. Yari afite u—ukwizera ko yatekerezaga ko uwo ari Umwana w'Imana, ariko ntabwo yari azi ko ari Umwana w'Imana. Ntabwo yari kubikora. Kandi umuntu uzatandukana n'iri Jambo ry'Imana ari ko Kuri, afite kwihangira ukwizera. Umukozi w'ukuri w'Imana azanamba kuri iryo Jambo.

⁴⁵ Mw'ijoro ryakeye, umukozi runaka, wa Arizona, w'ishuri rikomeye, rizwi hano muri uyu muji, yaje aho ndi arambwira ati: "Njye—Ndashaka kugorora ikintu runaka" (Ndavuga. . .) "iyu ubonye amahirwe."

Ndavuga nti: "Aya ni amahirwe meza nzi. Ngwino."

⁴⁶ Nuko araza, aravuga ati: "Bwana Branham, urimo kugerageza," aravuga ati: "Nizera ko uri umunyakuri kandi uri n'inyangamugayo, ariko ugerageza kumenyekanisha mw'isi Inyigisho y'intumwa." Arongera aravuga ati: "Igihe cy'intumwa cyarangiranye n'intumwa."

47 Ndavuga nti: “Ikintu cya mbere nifuza kukubaza, mwene Data, wizera ko Ijambo ry’Imana ryahumetswe?”

Aravuga ati: “Ni byo, Mugenzi, ndabyizera rwose.”

48 Ndavuga nti: “Noneho, wanyereka mw’Ijambo aho igihe cy’intumwa cyarangiye? Noneho, unyereke aho biri, nzakwemera nawe.” Nuko ndavuga nti: “Umwanditsi w’ibyakozwe n’intumwa, wari ufite urufunguzo rw’Ubwami, ku muni wa Pentekote ubwo igihe cy’intumwa cyatangizwaga, baravuze bati: ‘Bagabo bene Data, mbese tugire dute kugira ngo dukizwe?’ Aravuga ati: ‘Nimwihane, umuntu wese muri mwe, abatizwe mw’Izina rya Yesu Kristo, kugira ngo mubabarirwe ibyaha, kandi muzahabwa impano y’Umwuka Wera, kuko isezerano ari iryanyu n’abana banyu, n’abari kure bese, bazahamagarwa n’Uwiteka Imana yacu. Noneho, ni gute Ijambo rishobora kwivuguruzwa Ubwaryo?”

Umugabo ati: “Mfite imbeho ikabije muri iri joro.”

Ndavuga nti: “Nanjye ni ko ntekereza.” Murareba?

49 Noneho urambwira ngo, Imana iracyahamagara? Niba Imana ikomeje guhamagara, igihe cy’intumwa kiracyariho. Rwose! Nk’uko Uwiteka Imana yacu izahamagara, izahamagara, izahamagara, bese abo izahamagara, bizakomeza kuba ibihe by’intumwa, kuko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n’iteka ryose.

50 Noneho, dusanga ko uyu muni uku kunyuranya kwabibwe mu bihe byose. Niba byashobokaga kubibona mu minota icumi cyangwa cumi n’itanu iri imbere, nabikora, ariko ntumushobora. Hambere mu myaka... Twese uko turi, twese dusoma Bibiliya. Noneho nk’igihe Yesu yazaga, agasanga ibyo binyuranye, bitandukanye. Yari Ijambo ryerekanwe, Yari ubusobanuro bw’Imana kw’Ijambo, kuko yavuze ati: “Mushakisha Ibyanditswe, kuko muri byo mutekereza ko mufite Ubugingo Buhoraho, nyamara ni byo bimpamya.” Urahari. We—Yari ubusobanuro bw’Ijambo. Kandi umukobwa n’umuhungu w’Imana wese wavutse ubwa kabiri ni igisobanuro cy’Ijambo. Mwanditse inzandiko, zisomwa n’abantu bese. Yego.

51 Mumenye ko, yavuze ati: “Bansengera ubusa, bigisha kunyuranya n’inyigisho. Bansengera Ubusa, bigisha Inyigisho zinyuranyije, inyigisho z’umuntu, imyizerere y’umuntu, bigisha ko ari Ijambo ry’Imana, mu gihe ntaho bihuriye n’Ijambo ry’Imana.”

52 Murareba, buri gisekuruza gitanga umusaruro nk’uyu, imyaka yose ni ko byagenze, kandi ibyacu ntabwo ari urwitwazo. Dufite ikintu kimwe, igisekuruza kiruta ibindi bisekuruza byose ubishyize hamwe, kuko iri ni ryo herezo ry’amateka y’isi. Uku ni ukunyuranya gukomeye kutigeze kubaho kw’isi, kuriho muri iki gihe. Kudahuza mu bindi bisekuruza byabakuye ku Mana y’ukuri kandi nzima, bajya ku bigirwamana. Uyu muni, Yesu

yavuze muri Matayo 24:24 ko bizaba byegeranye cyane, ngo bazayobya n'Intore niba bishoboka. Turavuga ku kunyuranya! Yoo, ni amayeri cyane. Satani ari mu bantu, kandi umuhanga mu bya tewolojiya, Dogiteri mu by'Ubumana, ashobora kwigisha iryo Jambo mu buryo busa n'ubutomoye rwose. Yesu yarabivuze. Ariko mumurebe gusa, hazabaho ahantu. Aravuga ati: "Ni byiza, ubungubu, ntabwo ari kubw'ibi." Yoo, yego, ni ko biri, murebe, kuko Imana yavuze ko ari ko byari bimeze.

⁵³ Murebe icyo yakoze. Uku kunyuranya kwabo kwazanye uburakari bw'Imana mu minsi ya Nowa, igihe Imana yoherezaga umuhanuzi wayo akabwiriza nk'umuriro ugurumana, agahamagarira abantu kwihana, kandi kunyuranya biramuroha. None Satani yakoze iki? Ngwino inyuma gato, kuri Hamu, utangire kubiba. Ni byo rwose.

⁵⁴ Haza Mose, umuhanuzi ukomeye, kugira ngo akure abana ba Isiraheli mu butayu. Byagenze bite? Mose, umuhanuzi ukomeye w'Imana, abazanira Ukuri gushyitse, Ukuri gutunganye. Yari yarahunze n'Imana. Imana yerekanye ko we yahuye na Yo. Ukuntu abo bantu basubiyeyo, abo bapadiri, kandi bari bafite amadini yabo, imihango yabo, imigenzo yabo n'ibintu byose, ariko Mose yahagaze nk'uwemeza ubusobanuro by'Ijambo. Ibyo nubiyagirwe! Mose yari Imana isobanura amasezerano Yayo. Yavuze ko azabikora; yari ubusobanuro by'Imana.

⁵⁵ Byagenze bite? Itorero ryatangiyeye kuva muri Egiputa, ku ntambwe zaryo iminsi mike, hanyuma se byaje kugenda bite? Satani yabijemo hamwe no kunyuranya kwe muri uwo muntu, Kayini wa kabiri, ari we Balamu, abiba ukunyuranya hagati yabo. Turabizi ko ari byo. Ko Balamu, inyigisho ya Balamu, ngo: "twese turi bamwe, dukorera Imana imwe ukorera," icyo yashingiyeho, yari afite ukuri, kuko yatanze igitambo Imana yatanze; impfizi z'intama zirindwi, ibimasa birindwi ku bicaniro birindwi, maze asenga Imana imwe nk'uko Mose yabigenje neza neza amanutse mu butayu, neza neza mu buryo bumwe. Ariko ntibari bamwe! Kuri twe byashushanyaga ibizaba. Hariho, na none, Kayini wagaragaye muri . . . uyu muntu Balamu. Kandi hariho Imana nayo yagaragaye mw'ishusho ya Mose, isobanura Amagambo Yayo binyuze mu kiremwa muntu, Ubwayo ikamenyekanisha, isezerano Ryayo, binyuze mu kiremwa muntu. Kandi ukunyuranya kwaragaragaye.

⁵⁶ Ni ko yabikoze mu gihe cya Yuda, aho yaje afite ukunyuranya.

⁵⁷ Kandi, nimwibuke, iki cyaha abo bantu bizeraga, ko "twese turi bamwe, dusenga Imana imwe, twese dukwiye kuba mw'itorero rimwe, tugomba kuba abantu bamwe," icyo cyaha ntabwo Isiraheli yakibabariwe! Yesu yaravuze We ubwe ati: "Bose barapfuye!"

⁵⁸ Bararimbutse, bese uretse batatu. Abo ni bo bakomeje kandi bizeraga amasezerano. Igihe abanyantege nke bavuze bati: “Ntidushobora gufata igihugu, kandi birakabije kuri twe,” n’ibindi, Kalebu na Yoshuwa bacecekesha abantu, baravuga bati: “Turarenze kubifata, kuko Imana yabidusezeranije! Sinzi icyo kutavugaga rumwe ari cyo!”

⁵⁹ Kandi dushobora kubwiriza gukira indwara guturuka ku Mana, n’umubatizo w’Umwuka Wera, ndetse tugakomeza kugira imbaraga z’Imana zo kudutandukanya n’iby’isi. Imana yarabivuze! Igihe cy’intumwa nticyigeze gihagarara, kandi ntikizahagarara, kirakomeza.

⁶⁰ Rero, dusanga ko uwo ari wa mubibyi umwe wa kera wo kunyuranya. Kandi wibuke ko, icyo cyaha kitigeze kibabarirwa. Noneho, mwene Data, niba kitarigeze kibabarirwa icyo gihe, byagenda bite uyu munsu ubwo icyo imbuta nyayo y’ibisekuruza byose izateranira hamwe?

⁶¹ Murebe kiriya kintu gikomeye Balamu yakoze, byarakomeje, birangira biza kurangirana no kuza kwa—kwa Yuda Isikariyoti, na Yesu. Byari ibiki? Yuda na Yesu bari ishusho ya Kayini na Abeli. Kubera ko, nk’uko Yuda yari umunyamadini, ni ko Kayini yari umunyamadini. Kayini yubatswe igicaniro, atanga igitambo, asenga Imana, yari abikuye ku mutima nk’uko n’undi yari ameze. Ariko, urabona, ntabwo yari afite guhishurwa kw’Ijambo icyo ari cyo. Yatekereje ko ari Adamu na Eva bariye pome cyangwa urundi rubuto. Kandi Kayini... Abeli, mu guhishurirwa, yari azi ko ari bibi; amarasu ni yo yabazanye, maze atanga igitambo cy’umwana w’intama. Kandi Imana yavuze ko ituro rye ari ryiza. Hanyuma agira ishuri agera ku kwica murumuna we. Igihe yicaga murumuna we ku gicaniro kimwe igitambo cy’icyapfiriye aho, umwana w’intama apfira ku gicaniro, ni ko Yuda Isikariyoti yahemukiye Yesu Kristo ku gicaniro cy’Imana, aramwica nk’uko Kayini yishe Abeli. Kubera ko, Kayini yari imbuta yo kunyuranya.

⁶² Na Balamu, umuhanuzi utanga akazi, umuntu wagombaga kumenywa neza. Kandi Imana yamuburiye ikoresheje ibimenyetso n’ibitangaza, ndetse n’inyumbu ivuga mu ndimi zitazwi, kandi na none yagiye neza kuri cya kintu kimwe. Yavukiye kuba u—umubibyi wo kunyuranya.

⁶³ Niba kandi Yesu yarahanuye igihe iki gisekuruza kizarangirira kw’itandukaniro rikomeye ritigeze kubaho, imyaka y’itorero rya Lawodikiya, akazuyazi, kamushyira mw’itorero, ni gute bishobora kuba ikindi kintu kitari icyo: Kunyuranya! Rwose, ni ko biri. Birangirira muri icyo gisekuruza.

Kandi yari Kayini na Abeli bongeye kugaragara i Kaluvari.

⁶⁴ Noneho mumenye ko, nk’uko bisanzwe, Yesu akimara kugenda, yagiye mw’Ijuru, Umwuka Wera aroherezwa.

Ngiyo Imbuto, Itanga Umutanga-Bugingo mw'Ijambo, nk'uko twabivuze mw'ijoro ryakeye. Ni Yo yihutisha Ijambo. *Kwihutisha* bisobanura "kuzana Ubuzima." Umwuka Wera nyawe azanira gusa Ubuzima Ijambo nk'uko Riri. Ntabwo uzana imigenzo mu buzima, Ntiwabikora, kuko ntaho Uhuriye n'imigenzo. Ni Ubuzima bw'Ijambo ry'Imana, kuko Ari Imana. Murareba? Kandi bwihutisha uwo Mubiri.

⁶⁵ Noneho murebe, nkuko babigenje. Hanyuma, Bibiliya iravuga, nuko—nuko Yohana avugana n'abana be ati: "Bana bato, mwumvise iby'antikristo wagombaga kuza mw'isi," ati: "asanze yaramaze kugera kw'isi, kandi akorera mu bana batumvira." Noneho, ibyo byari hafi imyaka mirongo itatu nyuma yo kuza k'Umwuka Wera. Dusanga ko, ubwo Umwuka Wera yazaga, Imbuto nyayo, Umutanga-Bugingo nyawe ku Mbuto, noneho haje kuza kunyuranya na none. Kandi mwitegereze, uko byagenze. Byari bifite. . .

⁶⁶ Ijambo nyaryo ryaremejwe, bo abahanuzi ba kera bari baremeje Ijambo ry'Imana kuba Ukuri uko bagiye baza. Niba hari umuntu wigeze asoma iby'*Inama y'i Nikeya*, cyangwa *Inama ya mbere y'i Nikeya*, kuri bo iminsi cumi n'itanu ya politiki y'amaraso, iyo amatsinda y'Abaroma hepfo hariya yashakaga kuzana no gukora idini muri iryo torero. Abahanuzi barinjye, bambaye uruhu rw'intama, barya karungu, bahagarara kuri iryo Jambo! Ariko se byatanze iki? Byagombaga kumera nka Kayini, byagombaga kumera nka Abeli, umuntu agombaga gupfa. Rwose. Kandi Ijambo ryatakaje imbaraga mu bantu, kandi bose batoye Ijambo ry'ukuri bazana imihango inyuranya ya kiliziya Katolika ya mbere. Bongeyeho ubukozi bwa papa, bongeraho umwepiskopi, bongeraho *ibi*, *n'ibi*, ndetse *n'ibindi*. Bakuyeho ibisobanuro nyabyo bya Petero, n'ibya—bya—bana Mariya, n'i—n'ibisigaye byose, maze bakora ibigirwamana, kandi nta kindi bakoze usibye umuhango wa gipagani gusa mu byiswe idini rya Gikristo. Byari ibiki? Imbuto y'ukunyuranya! Kandi itunganijwe, itunganijwe, ku nshuro ya mbere kw'isi, itorerero. Byari ibiki? Iyo mbuto y'ukunyuranya yatangiye kubibwa, ikintu runaka cyongerwaho, kinakurwaho.

⁶⁷ Ni inde wigeze yumva, muri Bibiliya, ngo ntukarye inyama kuwa gatanu? Ni inde wigeze yumva, muri Bibiliya, ikintu cyose kijyanye no kuminjagira aho kubatiza, wibiza? Ni inde wigeze yumva ibyo bintu, bya "Ndakuramutsa, Mariya" cyangwa ikindi kintu nk'icyo? Ni inde wigeze yumva amwe muri aya mafuti yaboze y'Abaporotesitanti, nabo? Inkono ntishobora guhamagara amavuta. Ni byo! Gusa, uzize gato n'akanini arakazira! Ni inde wigeze yumva Imana ikorana n'idini? Nimunyereke inshuro imwe umuntu yigeze ategura ibintu hanyuma agakomeza kubaho. Bahise bapfa, kandi ntibongeye kuzuka! Igihe kirageze ko ikintu kibaho, igihe kirageze ngo Imana ikore. Byishe umurimo hagati y'abantu.

⁶⁸ Ni nacyo kintu kimwe kiri gukorwa uyu muni. Bica Umurimo bavuga bati, “Yoo, iryo tsinda ry’abera-bivuruguta hasi, ntagisigaye kuri bo.” Kandi, kubera iki, ni ukunyuranya! Hura n’Ijambo imbonankubone urebe icyo ari cyo, reba niba Imana isobanura Ijambo Ryayo. Imana ishoboye gufata aya mabuye ikayakuramo urubyaro rwa Aburahamu. Amina.

⁶⁹ Ijambo ryari ryaremejwe neza n’Abakristo bo hambere, uko Imana yabakijije muri byose, n’indwara, kandi bafite abahanuzi, kandi bavuga mu ndimi, zisobanuwe, kandi batanga ubutumwa bugaragara ko ari ukuri buri gihe. Ariko imbere y’Ijambo ryose rihamirijwe, abantu bararyanze, ahubwo bihitiramo idini. Nguwo nyina w’amadini yose.

⁷⁰ Bombi barakuze rwose. Batangira kongera kubiba. Yarapfuye, ariko irongera irarabya mu gihe cya Luteri, nk’uko tubizi mu butumwa bwabanje hano mu gitondo cy’ifunguro rya mu gitondo. Yarabije mu gihe cya Luteri. None bakoze iki? Ako kanya uwo mugabo ukomeye amaze gupfa, bakoze ishyirahamwe.

⁷¹ Yararabije. Kandi na none mu gihe cya John Wesley, ubwo Abangilikani, hamwe n’umutuzo wabo w’iteka kandi ibintu byose byari byerekejwe ku kuganza hose kw’isi yose, none se byaje kugenda bite? Imana yahagurukije umuntu witwa John Wesley, maze ibintu byose arabihagarika. Akimara gupfa, we na Asbury ni bo bari kumwe, byagenze bite? Bakoze amadini, none wabonye ko haje igisa n’ Abametodisite. Noneho haza umwe cyangwa undi, Alexander Campbell, John Smith, n’abandi benshi.

⁷² Amaherezo, Pantekote yarivumbuye, isohoka muri ibyo byose. Byaje kugenda bite noneho? Baje gukomeza neza, ni iki cyababangamiye? Mwasubiye inyuma mu cyondo kimwe mwasohotsemo, nanone aho mwavuye, musubira mu kunyuranya no gukora amadini, mutangira kumvikana kw’Ijambo. Kandi igihe cyose Imana yohereje ikintu gishya, ntimushobora kucyakira. Ni byo! Kongera kunyuranya! Kandi, mumenye ko, nk’uko nabivuze ejobundi, ako kagondoro gato gasohoka muri uyu muzi, kazamuka mu mababi kakazamuka mu mwumba, hanyuma kakagaruka mu ruti, kagasohoka. Ako gace gato k’umurama w’ingano kaba gasa n’ingano ubwazo, kandi dutekereza ko ari byo, ariko iyo dutonoye, nta ngano iba irimo rwose. Ni urwishingikirizo rw’ingano gusa kugira ngo zikure, kandi rurapfa narwo, maze ubuzima bukava muri rwo bukajya mu ngano. Mwitegereze, nuko bbahamagara amatorero yabibye...

⁷³ Tumenye uyu muni ko ibyo twita ingirwamatorero, ndetse no ku Bapentekote bacu, twarasohotse, ntitwashoboraga kunyurwa, twagombaga gukora amatsinda yacu. Ibintu byose biza, twagombaga kugira *ibi*, tugomba kugira *n’ibi*, tugomba

kugira irindi tsinda. Uyu muvandimwe arahaguruka, maze aravuga ati: “Araje ku gicu cyera.” Undi ati: “Yoo, Araje kw’ifarashi yera.” “Ni byiza, tuzakora amatsinda abiri.” Murareba, ni iki? Ni ukubiba ukunyuranya! Iyo We aje, ibyo ari byo byose, azasobanura Ijambo Rye Bwite ubwo We azaza. Reka dutegereze icyo gihe. Fata . . . Muvuze kuri ibyo, ntimwashobora no kubona Ubutumwa bw’umunsi. Buri gihe mwerekana ibyo Imana igiye gukora, cyangwa ibyo yakoze, ariko mukirengagiza ibyo irimo gukora. Ni muri ubwo buryo tugira kunyuranya.

⁷⁴ Noneho turabona ko uyu munsi amatorero yacu, yose a—amatorero yacu yose yabibye umuyaga, kandi arimo gusarura umuyaga. Ntabwo dufite amateraniro yo gusenga, ntabwo dufite imirimo twahozese dufite. Ikibazo ni ikihe? Twaretse ibidutandukanya kuri buri kintu. Murebe, ndetse no mu matorero yacu ya Pentekote, yuzuyemo abagore bafite imisatsi yogoshe. Mbere ibyo ntibyari byemewe. Isura isize irangi, inzara zisize, n’ibindi byose; fata umugabo hanze . . . nka Rickys n’ibindi; yashakanye inshuro eshatu cyangwa enye, n’abadiyakoni; yewe, mbega ukunyuranya! Ni umwanda! Babikora bate? Imana ntiyari kubigira mw’Itoreror Ryayo, bagomba kujya mw’idini kugira ngo babyinjiremo. Umuntu atinya kugira icyo abivugaho, kubera ko yari kwirukanwa mw’idini. Mana, duhe abagabo badafite ikindi bahura nacyo uretse Imana n’Ijambo Ryayo, bavugisha Ukuri kubyerekeranye na ryo. Ni byo rwose dukeneye. Twakoze iki? Yabibye ukunyuranya. Twabibye umuyaga, none turimo gusarura umuyaga.

⁷⁵ Mumenye ko ubu barimo gukusanyirizwa hamwe kugira ngo batwikwe. Witegereje, Yesu aravuga ati: “Mbere na mbere, ubakusanyirize hamwe, ubahuze, hanyuma ubashyire mu kirundo kimwe, nzabatwika.” Hano hari ikirundo gitoya cyitwa Metodiste, Batisita, Peresibiteriyeni, Luteriyani, bese bateranira hamwe mu Nama Nkuru y’Amatorero. Ni ibiki? “Banza ubakusanyirize hamwe!” Haleluya! Mwabonye? Yabanje kwegeranya umurama, awukura mu ngano, arabitandukanya: “Bakoranyirize hamwe ubatwike.” Bose bagomba gutwikwa n’imanza z’Imana, kubera kubiba itandukaniro mu bantu, ibintu bo . . . Bagira uburyo bwo kubaha Imana, no guhakana Imbaraga zayo, bahakana Ijambo, gusa kugira ngo bakomeze imihango imwe n’imwe y’idini, ya migenzo imwe umuntu yabateyemo, bagerageza kuyishyira mw’Ijambo ry’Imana. Ntabwo bizakunda. Ni ukunyuranya.

⁷⁶ Ndataka uyu munsi, nk’uko byari bimeze, umuhanuzi ukomeye wa kera, Amosi, ubwo yamanukaga muri uwo muji, avuga ati: “Ntabwo ndi umuhanuzi, cyangwa umuhungu w’umuhanuzi. Ariko niba intare itontoma, ni inde wundi utashobora gutinya?” Yaravuze ati: “Iyo Imana ivuga, ni inde utashobora guhanura?” Yahanuye urubanza kuri kiriya

gisekuru, ati: “Imana ubwayo uvuga ko ikorera izagusenya.”

⁷⁷ Mubishyireho, bijye kuri kaseti, kandi mujye mubyibuka. Imana nyine... Aba bantu ubu barimo gukusanya ibyemezo bikomeye byose by’i—by’Inama y’Amadini ku Isi, kandi mugiyeye kubijyamo. Ntimushobora kuguma hanze yabyo. Mugiyeye kubaho ku giti cyanyu mugendere hanze yabyo, cyangwa se mubijyemo. Hano ntihazabaho kugendera hagati. Bizaba ikimenyetso cy’inyamaswa. Nta muntu n’umwe ushobora kugura cyangwa kugurisha, usibye ufite ikimenyetso, cyangwa se wakiriye ukunyuranya. Noneho, mwirinde! Musohoke! Muhunge! Mugendere kure yabyo! Imana bavuga ko bakorera izabarimbura. Imana ikomeye y’urukundo itazabikora...

Ati: “Ni byo, Yesu yarasanze kugira ngo twese tube umwe.”

⁷⁸ Hanyuma na we ati: “Ni gute bashobora kugendana, ababiri bakagendana, ’badahuza?” Aravuga ati: “umwe,” nka We na Se ni Umwe. Kandi Data yari Ijambo, kandi yari Ijambo ryerekanwe. Yari “Umwe” hamwe na Data, kuko Yari ukwigaragaza kw’Ijambo ryasezeranijwe n’Imana. Kandi ni ko bimeze uyu muni, cyangwa undi muni uwo ari wo wose. Yego mugenzi. Imana ni imwe. Ishaka ko tuba umwe.

⁷⁹ Ni gute *aba* bashobora kuba umwe, *aba* bahakana ukubiyara k’umwari, kandi *aba* ntibihakana gukira indwara guturuka ku Mana, n’*aba*, na *bariya*, bose bari mu kagari nk’ako? Bamwe muri bo ndetse ntibemera Imana, bizera ko Yari Umwana w’Imana; bizere ko Yari mwene Yozefu, witwa Umwana w’Imana. Rwose. Umuvandimwe w’impanga ku Baluteriyani, Abazuwingli, yemera ko, Yari umuntu mwiza rwose. Ubumenyi bwa Gikristo bwavuze ko Yari umuhanuzi gusa, umuntu usanzwe, ntabwo We yari Imana. Kuki, niba We atari Imana, Yaba umubeshyi ukomeye isi yigeze kugira. Yari Imana cyangwa ntacyo Yari cyo. Yari Imana! Yari Ubumana, We ubwe, yaremeye umubiri muri twe, mu ishusho y’Umwana w’Imana. Mu by’ukuri, ni icyo We yari cyo.

⁸⁰ Noneho turabona ukunyuranya kurimo. Turabizi ko kurimo, nta muntu ushobora kubihakana. Yoo, nihabwe icyubahiro! Gusa Mubiyitondere. Azarimbura iryo tsinda rivuga ko bakorera Imana. Murareba.

⁸¹ Imana yateye Imbuto Zayo. Ndarangije, ’kubera ko igihe kirageze cyo gutangira umurongo w’amasengesho. Imana yateye Imbuto Zayo, kandi Imbuto Zayo ni Kristo. Ngiye kubwiriza kuri ibyo mw’ijoro rya hafi, aho Imana yahisemo gushyira Izina Ryayo, Uwiteka nabishaka, bishobotse byaba kw’ifunguro rya mu gitondo nimbona akanya gato. Nimwitegereze, Ni We Nzira yonyine y’ubuhungiro. Ni we Munyembaraga w’ukuri wenyine. Ni we Mana yonyine y’ukuri, nta wundi uretse We. “Ndi Imana, kandi Imana yonyine,” Ni ko yavuze. Yesu yaravuze ati: “Iri ni ryo tegeko: Umva, yewe Isiraheli we, Ndi Uwiteka Imana yawe,

Imana imwe rukumbi. Ndi We. Kuki mushakisha undi? Undi uzaza... Naje mw'Izina rya Data, ariko Njye ntimwanyakiriye. Ariko undi uzaza mw'izina rye, uwo muzamwakira." Kandi babikoreye i Nikeya.

"Ese uri Umukristo?"

"Ndi Umubatisita."

"Ese uri Umukristo?"

"Ndi Umupentekote."

"Ese uri Umukristo?"

"Ndi Umumetodisite," irindi zina.

⁸² Ariko iyo bigeze kw'Izina rya "Yesu Kristo," bagendera kure Yaryo uko bashoboye, ntibashaka ko hagira icyo babikoraho, kuko ari Ijambo kandi Ijambo ririgaragaza ubwaryo. Menya ko, ari we Nzira yonyine y'ubuhungiro! Ni we Roza ya Sharoni, Bibiliya ivuga ko ari ko We yari. Buri gice cyose (muri Bibiliya) y'Imana ni icya Yesu Kristo. Yari Alpha, Omega, Intangiriro n'herezo; Uwahozeho, Uriho, kandi Uzaza; Igishyitsi cyo mu Rubyarw rwa Dawidi, Ni Igishyitsi akaba n'Urubyarw rwo mu murungu wa Dawidi; Inyenyeri yo mu Ruturuturu, Roza ya Sharoni, Umwangange wo mu Gishanga, Alpha, Omega, Data, Mwana, Umwuka Wera, byose muri Yesu Kristo! Yari umwuzuro wo kwigiragaza kwa Yehova Imana yaremeye umubiri wo gutura muri twe. Ni ukuri ni cyo We yari cyo.

⁸³ Yari ururabo rwa Roza ya Sharoni. Bakoresheje iki ururabo rwa Roza ya Sharoni? Bararukubise, bararuhonda, kugira ngo bakuremo imibavu. Ururabo rwiza rugomba guhonyorwa kugira ngo rubone imibavu ivuye mu rurabo rwa Roza. Ubwo bwari Ubuzima bwiza, nta buzima bwabayeho nk'ubwo, ariko Byagombaga guturuka i Kaluvari.

⁸⁴ Nimurebe, bafashe u—ugusigwa kwa Roza ya Sharoni bagushyira kuri Aroni, yagombaga gusigwa amavuta kugira ngo ajye imberere y'Uwiteka ahantu hera, ari mu mwenda wera. Yagombaga gusigwa amavuta ya Roza ya Sharoni, kugira ngo ajye kuminjagirwaho ari ku ntebe y'imbabazi buru mwaka. Kandi ayo mavuta agomba kuba kuri we, afite impumuro nziza mu Mwami, gupfunyika amaraso y'intama imbere ye, amaze no kuminjagirwa n'intama. Amakomamanga n'inzogera bizengurutse imyenda ye, yagombaga kugenda intambwe runaka, bamubyinira ngo "uwera, uwera, uwera Uwiteka."

⁸⁵ Mumenye ko, Ari we Roza ya Sharoni, uwo Mubavu uhumura neza, Asiga abantu Be. Ntushobora kuzana imbere Ye imyizerere iyo ari yo yose, ikindi kintu icyo ari cyo cyose, ariko wasizwe amavuta n'iyi Roza ya Sharoni, Ijambo. Ni na We Umwangange wo mu Gishanga.

⁸⁶ None, ni gute ushobora kubona opiyumu? Ubona opiyumu iyo ufashe umwangange ukawukamura, ubona opiyumu. Abaganga barayikoresha muri laboratwari zabo. Fata umugabo ufite uburakari kandi uteye ubwoba, cyangwa umugore, wumva agiye gusara, arimo kugenda ku butaka avuza induru, yataye umutwe, umuganga afata opiyumu ye nkeya yo mu mwangange hanyuma akayisunika mu kaboko kwe cyangwa mu mitsi ahantu runaka, cyangwa ibye, bigaceceka. Byose bikarangira mu gihe gito. Ariko uko iyo opiyumu igenda ipfa, hano birongera bikagaruka, bakaba babi kuruta uko bahoze.

⁸⁷ Ariko ndababwira, nshuti, ubwo ni ubwoko bwa Opiyumu nyayo yo mu Mwangange wo mu Gishanga nzi. Ni Umwangange wo mu Gishanga. Wakamuriwe i Kaluvari. Yakomeretse kubera ibicumuro byacu, hamwe n'ibikomere Bye twabonye gukira uburwayi. Muri ibyo, mu gusohoka mu ndabyo, Yari Ururabo. Ururabo runini rwakuze bitabaho, ni uru twitwa Umwangange wo mu Gishanga, hamwe n'uru rutangaje rwitwa Roza ya Sharoni. Noneho aramanitse iri joro, azenguruka Ijuru n'isi, ni ko nizera, We cyari igihe cye, ahubwo, cyo—gukuraho icyaha cy'isi no kugarura ugukiza indwara kw'isi. Kandi Bibiliya ivuga ko uko Yari ari ejo, n'uyu munsu ariko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose.

⁸⁸ Nshuti, igihe Imana yavuganaga na Mose, mu butayu, ari rwo rwari u—urugero Rwayo, ngo ashinge inzoka y'umuringa. Kandi umuringa ushushanya icyaha cyaciwe, inzoka ishushanya, *inzoka y'umuringa* ishushanya “icyaha kimaze gucirwa urubanza.” Nk'uko, *umuringa* ari “Urubanza rw'Imana,” nk'urutambiro rw'umuringa aho ibitambo byashyirwaga. Kandi na Eliya yubuye amaso maze avuga ko ikirere kimeze nk'umuringa, Urubanza rw'Imana kw'ishyamba ritizera ryasubiye inyuma rikava ku Mana. Umuringa ushushanya urubanza, Urubanza rw'Imana. Inzoka yashushanyaga icyaha kimaze gucirwa urubanza; kandi Yesu yari ya nzoka yakoze icyaha ku bwacu, nuko ifata urubanza rw'Imana irumushyiraho. Yakomeretse kubera ibicumuro byacu, yakomeretse kubera gukiranirwa kwacu, igihano cy'amahoro yacu kijya kuri We, kandi kubw'ibikomere Bye turakira.

⁸⁹ Yoo, Imana ifite Opiyumu yuzuye mu bubiko bwayo, iri joro, ku bwawe. Mukristo nshuti, urarwaye kandi urimo kubabara. Yoo, urarushye, birakugoye cyane. Ntushobora kwihanganira igihe kirekire, uzabikora—uzajya mw'ishyamba muri iyi minsi tugezemo.

⁹⁰ Hari ubwo wigeze wumva ikinyamakuru *Life Line* muri iri joro, ngo umenye ibyo bavuze, ibyo—ibyo Uburusiya buvuga, muri '55, ko bazabikora “rwose bazagenzura isi yose muri rusange”? Mbere y'uko ibyo bibaho, Kuzamurwa kugomba kubanza kuba. None se hari igihe kingana iki, nshuti? Ni hafi aha vuba bidatinze.

⁹¹ Mbese iri joro ntimushaka kumushaka n'umutima wanyu wose? Ni Umwangange wo mu Gishanga, kandi uko Yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Ari hano iri joro kugira ngo yishyire hejuru hagati mu bantu be, nk'uko Mose yazamuye i—ikimenyetso cy'icyaha, cyaciwe. Kandi atari icyaha cyonyine, ahubwo n'indwara nazo. Nimwibuke, Yesu yaravuze ati: "Nk'uko Mose yazamuye inzoka y'umuringa, ni ko Umwana w'umuntu agomba kuzamurwa." Kubera iki Mose yayizamuye? Kubera icyaha, kutizera, no kurwara. Yesu yazamuwe, kandi, kubw'icyaha, indwara, no kutizera. Yari umwe.

⁹² Noneho, iri joro, mu minsi twabonyemo uku kunyuranya gukomeye, Yesu Kristo yasezeraniye muri Luka, ko mu minsi ya...mbere yo kuza k'Uwiteka, bizamera nk'igihe cyo muri Sodomu, n'igihe Umwana w'umuntu azigaragaza Ubwe, nk'Umwana w'umuntu yigaragariye Aburahamu hambere hariya; Elohim, Imana, yambaye umubiri hagati mu bantu, itura hamwe na Aburahamu iramwiyereka, yamubwiye icyo Sara yatekerezaga (ari inyuma Ye) mw'ihema, atigeze amubona. Amubwira icyo ari cyo...Amwita izina, "Sara." "Aburahamu," si ryo ryari—ntiriyari izina rye Aburamu, ni ryo yatangiranye ariko aza kwitwa Aburahamu. Ntabwo ari Sarayi, S-a-r-a-i; ahubwo ni S-a-r-a-h, "Umugore wawe Sarah ari he?"

Aravuga ati "Ari mw'ihema inyuma Yawe."

⁹³ Aravuga ati: "Ngiye kukugenderera nkurikije igihe cy'uburumbuke." Araseka. Aravuga ati: "Kuki asetse?"

⁹⁴ Yesu yaravuze ati, "Mbere y'uko uku kunyuranya gukomeye gukusanywa kugatwikwa, ni bwo Umwana w'umuntu azigaragaza mu buryo nk'ubwo yabikozemo icyo gihe." Kandi ibyo...Ni ibiki? Ni ukuzamurwa, gukwiye, imbere yawe, ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Urabyemera? Reka twunamishe imitwe noneho kubw'isengesho.

⁹⁵ Mana nziza, turagukunda. Ijambo Ryawe ni—ni ibiryo byuzuye kuri twe, Mwami. Turarikunda gusa! Turiho kubwaryo, Mwami. Birasa nk'aho ubushobozi bwacu butigera buba ubuhagije. Gusa dukunda gushyira ku meza Yawe, hafi y'Ijambo Ryawe, kandi tukishimira imigisha, Mwami, iyo duhuye gutya, bene Data na bashiki bacu baguzwe Amaraso y'Umwana w'Imana, ari bo baguzwe Amaraso Yawe. Kandi twaje hano iri joro, Mwami, tukweguriye iri joro ryo gusengera abarwayi. Kandi ukurikije Ibyanditswe, Wavuze ko "kubw'ibikomere twakize indwara." Ntabwo ari ngombwa gusenga noneho (kwatura ibyaha byacu gusa), kuko kubw'ibikomere Byawe twakize (impitagihe) twakize indwara. Yoo, mbega umuni w'agakiza! Mbega—mbega amasezerano ya Emanuweli! Ibyo rwose ni Ukuri.

⁹⁶ Waravuze uti: “Igihe kirageze, aho isi itazongera kumbona ukundi, nyamara mwebwe muzambona, kubwanjye” (insimbuzazina bwite ya “Njye”) “Nzabana namwe, ndetse mbe no muri mwe, kugeza ku mperuka y’isi.” Kandi igihe kirangiye, iyi ni indunduro ikomeye, Wavuze ko, mbere y’uko bibaho, bizaba bimeze nk’uko mbere y’uko umuriro ugwa i Sodomu ugatwika Abanyamahanga, ko hazabaho guhishurwa k’Umwana w’umuntu nk’uko byagenze kuri Sodomu. Data, aba bantu ntibibacike.

⁹⁷ Kandi ndasenga, Mana, nk’ikintu gito, (niba navuze nabi, umbabarire), ndatekereza ku byisumbuyeho. Ndabakunda, Mwami. Njye—Njye ndasenga ngo batazabura. Reka iri ribe rimwe mw’ijoro rikomeye, Mwami. Reka abarwayi bose, abababaye, impumyi, ibyo ari byo byose hano, Mwami, bakire iri joro. Umunyabyaha wese akizwe. Neza neza mu mitima yabo, niba ari abatizera, kandi bakire Kristo muri iki gihe. Byemere, Data. Byose biri mu maboko Yawe. Twiyeguriye kuri Wowe, kubona Uza muri twe.

⁹⁸ Kandi Waravuze, muri Mutagatifu Yohani 14:12, uti: “Unyizera, imirimo Nkora na we azayikora.” Ni gute tuzi ko Wimenyekanishije ku bantu, kuko Wowe uri wa muhanuzi Mose yavuze ko azazuka. Ntabwo bari bamaze imyaka amagana bafite abahanuzi, kunyuranya byari kuri buri ruhande, ariko nyamara Ijambo ry’Imana ryagombaga gusohora; nuko rero Ijambo rihinduka umubiri, kandi no kunyuranya nako kubigenza gutyo. Kandi, Data, twongeye kubibona uyu muni, kunyuranya bihinduka ipfundo rikomeye; kandi tubona ko Ijambo riza kimwe. Duhe umugisha kuri uyu mugoroba, Data. Turakwiye kuri Wowe, hamwe n’Ijambo Ryawe. Ibyo ukeneye byose kugira ngo dukore, ubidukorere, Mwami. Mw’Izina rya Yesu. Amina.

⁹⁹ [Mushikiwacu avuga mu ndimi. Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.] Ntabwo tuzi icyo yavuze. Ashobora kuba ashaka kutubwira ikintu, gusa rero mwubahe rwose akanya gato. [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti. Mwene Data umwe atanga ibisobanuro.]

¹⁰⁰ Amina. Wigeze usoma...? [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.]...Ibyanditswe byera aho umwanzi yari aje, bose bari bateraniye hamwe, kandi ba...umwanzi yari afite imbaraga zikomeye. Umwuka w’Imana umanukira ku muntu, uramubwira, arahanura, avuga aho bagomba kujya bagategereza, bakaharimbura umwanzi wabo. Aho biragaruka. Hano hari ahantu ho kurimbura umwanzi wanyu, murareba, mufate ukuboko kw’Imana. Ukuboko kw’Imana ni Kristo, birumvikana, Ijambo, mufate Ibyo rero mu mutima wanyu iri joro mu gihe twita ku murongo w’amasengesho.

¹⁰¹ Ndizera...Uyu muni Billy yongeye gutanga amakarita

yo gusengerwa? B, ni B, reka dufate B, mirongo inani na gatanu. Ijoro ryakeye, twagize cumi na batanu mw'ijoro ryakeye. Mubisanzwe tugerageza kubona nka cumi na batanu nijoro. Noneho fata amakarita yawe, turayabona, nonaha. Reka tugerageze nka cumi na batanu. Mirongo inani na gatanu. B, nka Branham, murabizi. B, mirongo inani na gatanu kugeza kw'ijana. Natwe... Reka turebe, ni inde ufite B, mirongo inani na gatanu? Zamura ukuboko kwawe. Urabizi neza... Yoo, inyuma, ni byo, mirongo inani na gatanu ngwino.

¹⁰² Noneho mwana wanjye... Kugira ngo hano habe abanyamahanga, ntibari kumenya uko ibi byakozwe. Umuhungu wanjye aramanuka hano, cyangwa undi umuntu; niba adashoboye kuza, Mwene Data Borders, undi muntu. Umuntu umwe araza kumanuka, afate amakarita, ijana muri yo, maze ahagarare imbere y'abantu ayavange hamwe. Kubw'ibyo rero araguha ikarita, ntashobora kukubwira ko uzamuka hano ku ruhimb, ntabwo abizi. Kandi na njye simbizi. Ndaza nijoro, nkuramo gusa icumi cyangwa cumi n'atanu, ahantu hamwe, mu makarita. Ibyo ntabwo bifite ikintu na kimwe gifitanye isano no gukira kwawe. Ushobora kwicara aho. Nimwitegereze, mw'ijoro ryakeye, ni bangahe mw'ijoro ryakeye? Reka turebe ikiganza cyanyu. Mbega ukuntu abantu bakize gusa binyuze mu materaniro!

¹⁰³ Noneho, iyo yari mirongo inani na gatanu, mirongo inani na gatandatu, mirongo inani na karindwi, mirongo inani n'umunani, mirongo inani n'icyenda, mirongo cyenda. Reka mbasabe kuza nonaha. B, mirongo inani na gatanu, mirongo inani na gatandatu, mirongo inani na karindwi, mirongo inani n'umunani, mirongo inani n'icyenda, mirongo cyenda. Iyo yaba imwe... Ndakeka, dukeneye... Niba kandi hari umuntu... Dore undi, yego, ibyo bikorwe neza. Mirongo cyenda, mirongo cyenda kugeza kw'ijana nonaha. Mirongo cyenda, mirongo cyenda na rimwe, mirongo cyenda na kabiri, mirongo cyenda na gatatu, mirongo cyenda na kane, mirongo cyenda na gatanu, mirongo cyenda na gatandatu, mirongo cyenda na karindwi, mirongo cyenda n'umunani, -icyenda.

¹⁰⁴ Niba udashobora kugenda, niba uri... Ndabona twabonye imyanya ibiri, itebe z'abamugaye eshatu hano, bane muri bo, ndizera ko nshobora kubona. Niba wabonye ikarita yo gusengerwa, iyo—ni yo yitwa nimeru yawe, kandi ntishobora kwimuka, uzamure ikiganza cyawe gusa, turaza kuzunguruka hano.

¹⁰⁵ Niba kandi utarabona ikarita yo gusengerwa, jya hariya hanyuma usenge, hanyuma uvuge uti: "Mwami Yesu, reka—reka—reka bibe ari njye muri iri joro." Ni bangahe hano badafite ikarita yo gusengerwa, muzamure ikiganza cyanyu. Yoo, habwa icyubahiro! Ni byiza, none reka tuvuge ibi, nizere ko bitari sakirirego. Ariko hariho umugore muto igihe kimwe,

utari ufite ikarita yo gusengerwa. Yagiye ahatiriza mu bantu benshi cyane, aravuga ati (noneho mutege amatwi neza), “Niba nshobora kuza gukora ku myenda y’Umuntu, ndaza gukira neza.” Ni bangahe bazi iyo nkuru? Ni byiza. None se yakoze iki? Yamukozeho maze aragenda aricara. Yesu arahindukira, Yari azi aho ari. Mbese si ko bimeze? Yari azi ikibazo cye. Mbese si ko bimeze? Yari azi ikibazo cye, nuko We amubwira ikibazo cye cyari kimuhangayikishije. Kandi yahise yumva mu mubiri we ko ikibazo cy’amaraso cyahagaze. Ni byo? Kubera iki? Yari yamukozeho.

¹⁰⁶ None, ni bangahe mu Bakristo bari hano muri iri joro babizi, ukurikije Abaheburayo, Igitabo cy’Abaheburayo, ko Yesu ubungubu ari Umutambyi Mukuru, Umutambyi Mukuru ushobora gukorwaho no kumva ko dufite intege nke? Ni ko ari? Ni byiza, niba ari Umutambyi Mukuru umwe, imikorere imwe, Umutambyi Mukuru, We yakora ate noneho? Akora nk’uko yabikoraga icyo gihe. Urabyizera? Akora nk’uko yabikoze icyo gihe, niba ubyizera. Ni byiza. Ni bangahe bizera gutyo, muzamure ikiganza, muvuge muti: “Ndabyizera rwose”?

¹⁰⁷ Ni byiza, mbere y’uko bajya ku murongo w’amasengesho, reka dukore umurongo w’amasengesho duhereye hanze. Nzi ko Ari hano. Njye—Njye—Ndumva Ukugaragara Kwe, kandi nzi—nzi ko ari hano. Ngwino. Ku murongo w’amasengesho uriteguye? Nari ngiye guhamagara hariya. Wowe gusa—senga gusa, reba iyi nzira hanyuma usenge, gusa wizere.

¹⁰⁸ Umudamu muto muto wicaye hano arimo kundeba neza, yicaye iruhande rw’umudamu wambaye amadarubindi. Mbese ntushobora kubona Ibyo bimanitse kuri uriya mugore? Ni murebe hano. Murareba? Afite ibibazo by’umutima. Wizera ko Imana iza kugukiza? Niba ubyizera, zamura ikiganza cyawe. Ni byo bibazo byawe. Ni byo. Noneho niba ari cyo kibazo cyawe, zamura ikiganza cyawe kugira ngo abantu babone, zamura ukuboko *gutyo*. Noneho, ntukigifite ukundi. Ukwizera kwawe kwagukijije.

¹⁰⁹ Ni umwe uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Yoo, hariho itandukaniro; ariko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Ibi ni... Noneho komeza usenge, reba, ntugomba kuba hejuru hano, kugira ngo ubimenye.

¹¹⁰ Noneho, uyu ni umudamu. Nk’uko mbizi, sinigeze mubona mu buzima bwanjye, ni umugore uhagaze hano, afite ikarita y’amasengesho, kandi ntazi niba agiye guhamagarwa cyangwa kudahamagarwa. Umuntu aguhaye gusa ikarita yo gusengerwa, kandi nomero—nomero yawe yahamagawe, urazamuka gusa hano. Nibyo? Kandi nta buryo bwo kumenya icyo uri cyo, uwo uri we, aho ukomoka, icyo ushaka, ntacyo tubivugaho. Ndi umugabo

gusa, wowe uri umugore. Ibyo ni byo. Iyi shusho imwe ije rimwe gusa muri Bibiliya, muri Mutagatifu Yohani, igice cya 4.

111 Noneho uravuze uti: “Wakoze iki, mwene Data Branham, ako kanya, hashize igihe?” Gusa yakuwe muri ibyo bikoresho bito, murareba. Simbinzi, murareba. Agomba kubikora. Simbizi. Ni gute uwo mugore yari hanze aho? Sinigeze mbona uriya mugore mu buzima bwanjye. Ni umunyamahanga rwose kuri njye. Nizera ko yari umugore. Ni inde muntu wakize nonaha hariya hose ku bari mu cyumba cy’amateraniryo? Uzabikora... Yego. Turi abanyamahanga. Niba ari byo, uzunguze ikiganza cyawe nka *gutya*. Murareba? Sinigeze mbona uyu mugore. Ariko yari yicaye aho, yizera. Noneho, yakoze ku Kintu, si byo? Ntabwo byaba ari byiza kunkoraho.

112 Ariko se ubu ntushobora kubona ko Bibiliya ari Ijambo ry’Imana neza? Ni umwe uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Duhinduka amahema ry’uwo Mwuka Wera ari we Kristo. Murareba? Ngiyo Imbuto nyayo. Noneho niba uwo Mwuka Wera yinjiye mu mbuto nyayo y’Ijambo, ntabwo... Gusa ntabwo bizabigiramo uruhare (kuko, satani akoresha Ibyo), mugomba gufata Byose, murareba, buri Jambo Ryayo ryose; ‘Impamvu, Ntabwo ari kimwe cya kabiri cy’Imana, ni Imana yuzuye. Murareba? Kandi ni byo bibaho.

113 Noneho, hano hari umugore, sinigeze mubona. Yesu yabonye umugore nk’uyu inshuro imwe, birashoboka ko bitari mu buryo bumwe, simbizi. Kandi yari yicaye kw’iriba. We—Yagombaga kumanuka akajya i Samariya. Turabizi ko, Samariya yari muni y’umusozo. Kandi—kandi Yari agiye i Yeriko, ahubwo, azenguruka Samariya, agera mu mujyi wa Sikari. Yicara kw’iriba, yohereza abigishwa be ngo bajye gushaka ibyo kurya.

114 Ni amoko angahe y’abantu bari kw’isi? Atatu. Abantu ba Ham, Shemu, na Yafeti. Twese dukomoka kuri Nowa. Kandi isi yose yararimbutse icyo gihe. Amoko atatu yonyine y’abantu, Umuyahudi, Umunyamahanga, n’Umusamariya (wari igice kimwe Umuyahudi ikindi akaba Umunyamahanga). Kandi ayo ni amoko yose ari kw’isi, murareba, atatu gusa.

115 Ibintu byose biri mu Mana biratunganye muri gatatu. Nk’aba batatu navugaga iri joro: ibyiciro bitatu bidahuye, ibyiciro bitatu Ijambo ryagizwe umubiri, n’ibindi. Murareba?

116 Noneho, na We—Uwavuganye n’Abayahudi, abwira Filipino, igihe yahuraga na Natanayeli, ko aho yari ari, akavuga ati: “Namubonye igihe yari muni y’igiti.” Yarababwiye... Andereya yari yareze Petero, ati: “Witwa Simoni, kandi uzitwa ‘Petero’ guhera ubu.” Ati: “Uri mwene Yona.” Murareba? Bose bari Abayahudi.

117 Ariko hano yagiye ku Munyamahanga...ntabwo ari Umunyamahanga, ahubwo ni Umusamariya.

118 Ubu ni igihe cy'Abanyamahanga. Ntabwo yigeze abikorera rimwe n'Abanyamahanga. Shakisha Ibyanditswe. Nta na rimwe. Ariko yasezeraniye, muri Luka 22, ko azabikora mbere yo Kuza.

119 Ariko yicaraga aho, haza igice cy'Umuyahudi n'Umunyamahanga, umugore. Aramubwira ati: "Mugore, Nzanira icyo kunywa."

120 Aravuga ati: "Impamvu ki, Ntugomba kubaza ibyo, cyane rwose. Turi . . . Hano hari amacakubiri. Uri Umuyahudi, kandi—kandi nje ndi Umusamariya."

121 Aravuga ati: "Ariko iyaba wari uzi uwo ubwira, ni wowe wari kunsaba icyo kunywa." Yakoraga iki We? Yakururaga umwuka we. Akimara kubona ikibazo cye, nuko, aramubwira ngo najye gushaka umugabo we. Yavuze ko nta n'umwe yari afite. Aravuga ati: "Ni byo, wagize batanu."

122 Noneho, mureba, igihe Abafarisayo bamubonye akora ibyo. Ni byo, uku kunyuranya neza hagati y'Ijambo, bavuze iki? Baravuze bati: "Uyu mugabo ni Belizebuli, umupfumu." Murareba?

123 Yesu ati: "Umuntu wese uzavuga nabi Umwuka Wera ubwo azaza agakora nka byo, ntazigera ababarirwa." Hano hari itandukaniro. Murareba? Ariko yavuze ko azabababarira icyo gihe, kuko Umwuka Wera ataje; Igitambo, Ntama ntabwo yari yarapfuye.

124 Ariko rero, umugore ntiyabitekerezaga. Umugore ati: "Nyakubahwa, ndabona ko uri umuhanuzi." Ntabwo bari barigeze bagira umuhanuzi mu gihe cy'imyaka amagana. Aravuga ati: "Ndabona uri umuhanuzi. Noneho, tuzi ko Mesiya, witwa Kristo, igihe Azazira, ni byo azakora."

125 Nibyiza, niba ari byo yakoze, noneho uko yari ari ejo, ni ko ari uyu munsu. Ni uburyo Yimenyekanisije We ubwe icyo gihe, mbese ntabwo ari kimwe uyu munsu? Bigomba kuba kimwe! Noneho, dore umugore n'umugabo bongeye guhura. Ntabwo ari uriya mugore, ntabwo ndi Umugabo. Ariko nyamara Umwuka Wera umwe arahari, kandi asezeranya ko imirimo yakoze, tuzakora nka yo mu minsi Umwana w'umuntu azahishurwa.

126 Noneho, kutakumenya (kandi uzi ko ari byo), turi abanyamahanga rwose, kandi uhagaze hano. Hariho bimwe . . . Bishobora kuba ibitagenda neza nawe, bishoboka ko bitabaho, simbizi. Ariko niba Umwami Yesu aza kumpishurira, kubw'Umwuka We Wera, ikibazo cyawe icyo ari cyo, uraza kwemera noneho ko Ari Umwana w'Imana, ko atari ikiremwa muntu? Ibi ni akajagari gusa, *uru* rusengero urwo—urwo Imana ikoresha, uwo ari we wese Yahisemo. Yo—ibyo Ibikora kubw'ubuntu bwigenga no gutoranya. Noneho, ariko urizera. Uzabikora? [Mushiki wacu ati: "Amina."—Ubwanditsi.]

127 Ni bangahe mu bari muri iki cyumba bumva baza kubyizera? Hano twembi duhagaze neza hano imbere y'Urumuri, ko tutigeze duhura mu buzima, nta gitekerezo na kimwe cyo kumenya uwo mugore uwo ari we, icyo ari cyo, aho akomoka, n'icyo ashaka. Sinigeze mubona mu buzima bwanjye, nta na rimwe nigeze mbona uriya mugore *hano* mu buzima bwanjye. Ariko, murebe, hano ibyo ngerageza gutuma gukora: ikureho uku kunyuranya nawe nonaha, kandi wizere Ijambo mu gihe Ijambo ryahinduwe umubiri hano hagati muri twe. Ijambo rihinduka rizima mu mubiri wacu, ryerekana ko Ukugaragara kw'Imana.

128 Noneho Yo igiye kubimuha. Arashaka impamvu ikwiye. Nta mwana afite, ashaka umwana. Afite imyaka nka mirongo ine. Ibyo rwose ntibishoboka.

129 Barimo gushyira hanze aha, abagore b'ingumba ubuzima bwabo bwose, none nibaze ku ruhimbi nka gutya, kandi Uwituka abahe abana. Bamwe muri mwe muzamuye ikiganza hariya hanze barabizi. Murareba? Murareba? Nafashe umukobwa muto mukundwa ejobundi, ku cyumweru, nyuma yo kuva hano, ku cyumweru nyuma ya saa sita; nyina yari ingumba, Uwituka aravuga. Ni umukobwa muto, w'uburanga cyane, ari hano? Ari he? Yego. Hano arahari, hano, ahagaze hepfo aha. Umubyeyi we arahari. Hano hari umukobwa muto, wenyine. Mumwitegereze? Yari Ijambo ryavuzwe riturutse ku Mana.

130 Noneho, uraza kumwizera n'umutima wawe wose? Wizera ko uwo mugisha ufite, wumva muri wowe ubu, ari Imana yagusubije? Niba Imana yabasha kumbwira izina ryawe, kugira ngo ubashe kwita umwana izina, wakwemera? Noneho, Madamu Thompson, ushobora gutaha genda ubyare umwana wawe, niba ubyizera n'umutima wawe wose.

131 Wizere n'umutima wawe wose? Gira kwizera gusa, ntugashidikanye, gusa wemere Imana. Imana ni Imana.

132 Umeze ute, mugenzi wanjye? Ndakeka ko nawe tutaziranye. Igihe kimwe nakubonye mu buzima bwanjye, nk'uko mbizi, ni igihe wazaga hariya. Kandi natekereje ko uri nyirarume wa Shakarian, cyangwa uwo... Mashagian, Umuvandimwe wa Mashagian, umuririmbyi, igihe wazaga. Noneho nakubonye ugiye ku murongo w'amasengesho. Noneho, kuba ntaziranye nawe, kandi, cyangwa kuri wowe, utaziranye nanjye nk'abataziranye, mu buryo bwose. Noneho, niba Umwami Yesu aza kumbwira ikintu kuri wowe—uko umerewe, yenda n'icyo ushaka, reka tubivuge gusa; nkikubwire, mbwira icyo ushaka. Noneho, We yamaze kukiguha. Gusa icyangombwa ni ukwizera guhagije ko kubyizera.

133 Noneho, ni bangahe babyumva? Gusa kwizera guhagije kwizera ko ubona ibyo usabye! Murareba?

134 Noneho, ubu, niba witeguye ukaba ushaka ikintu, kandi ashobora kumbwira icyo wifuza icyo ari cyo, noneho uzi ko ntazi

icyifuzo cyawe, ubwo hano hagomba kuba hari Ikintu kibikora. Noneho, dukurikije Ijambo, We yasezeraniye kubikora. Yari azi ibitekerezo biri mu mitima yabo. Ni byo? Rwose.

¹³⁵ Ufite icyifuzo gikomeye cyo gushaka gukira. Ikintu kimwe, ufite ikibazo cy'ibintu biguteye ubwoba, ubwoba bwinshi. Ni byo. Ikindi kintu, Ufite ikibazo cy'umugongo, kandi uwo mugongo wabaye mubi mu gihe runaka, wigeze no kubagwa. Ibyo ni UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Ni ukuri. Murareba. Ni byo. Kandi hano hari ikindi kintu, icyifuzo cyawe cyimbitse, ni, ugushaka kwakira umubatizo w'Umwuka. Ni byo rwose. Ngwino hano.

¹³⁶ Mana nziza, mw'Izina rya Yesu Kristo, uyu mugabo yuzure Umwuka Wera, mbere y'uko ava muri iyi mbuga, mw'Izina rya Yesu. Amina.

Noneho iyakire, mwene Data. Gira kwizera gusa, ntugashidikanye.

¹³⁷ Umerewe ute? Ndayeka ko, uko mbizi, ko nta n'umwe muri twe uziranye n'undi. Niba ari byo, ngaho, kugira ngo abantu babimenye, zamura ikiganza cyawe kugira ngo babone ko tutaziranye. Sinigeze mubona mu buzima bwanjye, habe no kumumenya. Kandi ndakeka ko nawe atigeze ambona, keretse bibereye mw'iteraniro. Kubera ko Data wo mw'Ijuru abizi, kandi dore Ijambo rye rirambitse hano, ko ntigeze mbona n'uyu mugore, habe no kumumenya, mu buzima bwanjye. Kubw'ibyo, Ntabwo nzi impamvu itumye uri hano, ntutekerezeho uwo uri we, iki, cyangwa nta kindi kuri wowe. Sinari gushobora kukubwira ikintu kimwe.

¹³⁸ Ikintu kimwe gusa, ni impano gusa. Niba mbishoboye... Nk'uko wanyunvise nsobanura hashize igihe. Gusa genda, utege amatwi icyo We avuga; ibyo ndeba, nshobora kubivuga. Ibyo Atavuze, sinshobora kubivuga. Nabivugira muri nje, kandi byaba ari bibi. Murareba? Byaba ari bibi. Ariko niba We abivuze, nta kabuza byo byaba ari byiza. Sinshobora na rimwe, ntabwo yigeze yibeshya. Ntabwo byazigera bibeshya igihe cyose izakomeza kuba Imana. Murareba? Murareba, kuko Imana ntishobora kwibeshya.

¹³⁹ Ariko niba Imana ishobora kumbwira icyo ushaka, icyifuzo cyawe, cyangwa—cyangwa ibyo urimo hano, ikintu wakoze, cyangwa ikindi runaka, ikintu nk'icyo, cyangwa uwo uri we, aho ukomoka, cyangwa icyo Ashaka kumbwira, wakwemera? Urakoze.

¹⁴⁰ Ari ikintu kimwe ndimo kubona, ufite ibibazo by'amaguru. Ibirenge byawe birakubabaza. Ni byo, zamura... Ufite ibibazo by'abagore, ikibazo cy'abagore. Kandi ufite icyifuzo gikomeye mu mutima wawe, kuko wabuze umuntu cyangwa ikintu runaka. N'umuhungu, kandi umuhungu wawe yavuye mu rugo, arahunga, kandi urashaka ko nsenga ngo agaruke.

¹⁴¹ Mana yo mw'Ijuru, mugarurire umwana we, kandi akire. Reka Umwuka Wera ahagarike uriya musore mu muhanda iri joro, umusubize kwa nyina. Mw'Izina rya Yesu. Amina.

¹⁴² We ni We uzamukugarurira. Ntugire ikibazo. Izere nonaha, ntugire gushidikanya. Gira kwizera gusa, n'umutima wawe wose. Wizere, kandi Imana izatanga ibisigaye.

¹⁴³ Noneho, ibyo bintu bitatu cyangwa bine gusa, ibyo ari byo byose, murebe, Njye—njye gusa naragiye kugeza bimpumye amaso. Ntabwo nshobora kubisobanura, nta buryo bwo kubisobanura. Uravuga uti: "Ushatse kuvuga ko, gusa ibyo byari bibi kuruta uko wabwirijeyo iminota mirongo ine n'itanu cyangwa irenga, ni ko utekereza?" Yego mugenzi. Niba byari amasaha atatu, ntabwo yari kuba myinshi.

¹⁴⁴ Umugore yakoze ku mwambaro w'Umwami wacu Yesu. Kandi abo bantu ntabwo bari kunkoraho. Kubera iki, uyu mugore hano, murebe hano, ashobora gusa... (Ndambikaho ibiganza byawe. murareba?) Gusa yankozeho hirya no hino, ntacyo yakora, ndi umuntu gusa. Ariko agomba kumukoraho We. Nanjye, ni kubw'impano, gusa—gusa... bigenda gusa, ku bwanjye birashira, kandi ndavuga gusa ibyo mbona. Murareba? Kandi ibyo ari byo byose. Murabona, kunkoraho ntacyo bivuze, ariko akora kuri Yesu binyuze muri njye. Nguko uko uwo mugore yabigenje ku Mana abinyujije kuri Yesu, Ubwo atari azi icyabimuteye. Yakoze ku mwenda We, aragenda ariyicarira. Na We aravuga—Maze aravuga ati: "Ni inde wankozeho?"

¹⁴⁵ Intumwa ziravuga ziti: "Kubera iki, abantu bose bagukoraho. kubera iki uvuze utyo?"

Aravuga ati: "Ariko ndabona ko imbaraga yavuye muri Njye."

¹⁴⁶ Noneho, uzi imbaraga icyo ari cyo? Imbaraga. Yacitse intege kubw'mugore umwe umukozeho, kandi yari Umwana w'Imana. Bite se kuri njye, ndi umunyabyaha, wakijijwe kubw'ubuntu Bwe? Uzi impamvu birenze? Kubera ko yavuze ati: "Imirimo nkora, namwe muzayikora. Muzakora ibirenze ibyo, kuko njya kwa Data." "Ikomeye," Aho bivuze ko, ariko ibisobanuro bikwiye by'ikigereki ni, "Ibirenze ibyo muzabikora."

¹⁴⁷ Noneho, umudamu ntazi. Ntacyo nzi kuri we. Ni umuntu utazwi rwose kuri njye nk'abandi bantu. Ntabwo tuziranye. Kugira ngo abantu babimenye, ushobora kuzamura ikiganza, ukavuga uti: "ntituziranye." Noneho, Umwana w'Imana, niba Yarigeze guhura n'umugore mu bihe by'ubwihebe nk'ibi, kw'iriba, nuko Amuvugisha akanya gato, amenya aho ibibazo bye biri, maze Amubwira ikibazo cye. Kandi rero yari azi ko, ko uwo ari Mesiya. Noneho—ko mfite... Wankozeho, nagukozeho, kandi nta kintu cyabaye. Ariko niba kwizera kwanjye (kubw'impano) no kwizera kwawe (kubwo kubyizera) bishobora kumukoraho, kandi Ashobora kuvugana na... anyuze

kuri nje akavugana na we, noneho ubwo ukamenya ko ari hano nk'uko Yari ameze kuriya—kuri rya riba ry'i Sishari. Murareba? Ni umwe uko yari ari ejo, n'uyu munsu ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Murabyizera?

¹⁴⁸ Ufite ibibazo byinshi, imibabaro myinshi, ingorane! Kimwe mu bintu by'ingenzi ushaka gusengera ni rubagimpande. Ni byo. Ni ukuri? Urimo kubabazwa na rubagimpande. Nubona uzamure ukuboko. . .

¹⁴⁹ Kandi wasohotse mu buryo butinda, ibyiza byo kwibuka kwanjye. Cyangwa se tegereza umunota umwe gusa, birashoboka ko hari ikindi kintu gishobora kuvugwa kizatwara. . . Cyangwa, murabizi, murumva ibintu; abantu, murabizi, nk'uguhumeka kuza kubirwanya. Baravuga bati: "Kubera iki, yatekereje uko," cyangwa, murabizi, muri ubwo buryo.

¹⁵⁰ Ariko, urasa nk'umuntu mwiza, vugana nanjye akanya gato. Reka duhagarare hano gato, kuko ntekereza ko hari ikindi kintu kiri mu mutima wawe ushaka ku Mana. Noneho, sinshobora gusubiza amasengesho yawe, ariko ushobora-. . . Kubera ko, niba ubyemera, bimaze gusubizwa. Ariko niba ushaka kwizera gusa; biragutera kwizera. Noneho, ndakubwiye, bireba umuntu ukunda utari hano, kandi ni umuvandimwe, kandi uwo muvandimwe ntabwo ari no muri iki gihugu. Ari mu gihugu kigwamo imvura buri gihe, gifite ibiyaga byinshi. Navuga nko muri Michigan cyangwa hamwe. . . Yego, Michigan ni ho igeze. Kandi arababazwa n'umwicanyi wica, ni ikibazo cy'impayiko zidakira kimubuza amahoro. Ni byo, si byo? Ni byo UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Noneho, igitambaro ufite mu ntoki zawe, wakizamuriye Imana, cyohereze murumuna wawe maze umubwire ntashidikanye, ahubwo yizere, kandi ibyo bizashoboka, azakira ubu niba ubyezeye.

¹⁵¹ Wizera n'umutima wawe wose? Reba rero, niba wizera, hari ikintu kimwe gusa cyo gukora, icyo ni, byemere rwose. Ni byo?

¹⁵² Noneho uravuze, ati: "Arimo kureba ibyo, ni abantu. Ni byo arimo gukora, abareba." Urabibona cyane!

¹⁵³ Ariko ibyo ushobora kutabimenya. . . Uyu mudamu hano, ngwino nyura muri iyi nzira, umudamu, hano, umurwayi, uwo uri we wese. Ntabwo ndimo kumureba. Wizera ko Imana ishobora kumpishurira ikibazo cyawe? Zamura ibiganza, niba ubyizera, uyu mudamu hano, uyu mudamu hano, ni umurwayi. Yego. Yego. Ni byiza, noneho niba ubyizera n'umutima wawe wose, ko ibyo bibazo bya asima bitazongera kukubabaza. Ni byiza, genda mu rugo kandi ubyizere. Niba ubyizera. . . ? . . .

¹⁵⁴ Ntabwo wamwitegereje, si byo? Murareba, We. . . Urareba muri *ubu* buryo, iyerekwa rirahari uko byagenda kose. Amina! Ntushobora kubibona? Ni byiza rwose nk'uko Imana ishobora gutungana!

155 Nawe urizera? Asima ishobora kukuvaho, nawe ugakira, ntibishoboka? Urabyizeye ko yagenda? Ni byiza, genda ubwire Umwami Yesu ko wowe—umwizera.

156 Umunsi umwe ugomba kugendana i—inkoni nto aho hose niba iyo rubagimpande ikubayeho akaramata, ariko ntabwo izabikora. Ntabwo, ntabwo wemera ko ari byo, si byo? Wizera ko uzumva umerewe neza? Komeza inzira yawe, Yesu Kristo aragukijije neza.

157 Ibibazo by'umutima byica abantu, ariko ntibigomba kukwica. Wizera ko Imana izabigukiza, igatuma umererwa neza? Genda ubyizere n'umutima wawe wose, vuga uti: “Ndabyizera rwose.”

158 Uvuga icyongereza? Urumva icyongereza? (Umuntu araza.) Yego, ni byiza. Uraza kumubwira ibyo namubwiye? Mubwire niba yizera, ibibazo byo munda bizamuvaho. We—we araza kubyizera se? Ibibazo byawe by'umugongo bizakuvaho, na we, ubu rero ushobora gutambuka ugakomeza inzira yawe dore wakize.

Umerewe ute? Urizera?

159 Uwo mugabo uri hariya afite ibibazo by'umugongo, yanyitegerezaga igihe nari ndimo kubivuga. Ashobora gukira, na we, niba ubyizera, mugenzi. Byose biragenda neza, wa mugabo we.

160 Umutegarugori uri iruhande rwawe hariya, afite ikibazo cy'ijosi, si byo, madamu? Wizera ko Imana iza kugukiza? Ushaka ko turambika ibiganza ku mwana muto kubw'amavi ye, kandi ko aza gukira na we. Urabyizera? Wagize ibibazo by'abagore, ibibazo by'abadamu, ntabyo ugifite ubu. Ukwizera kwawe kwagukijije kandi gutuma umererwa neza.

161 Wizera Yesu Kristo, ko uko yari ari ejo, n'uyu muni ari ko ari, kandi ko ari ko azahora iteka ryose? Noneho reka dufatane mu biganza maze dusenge iri sengesho ryo kwizera, buri wese muri twe, asenge isengesho ryo kwizera.

162 Mana Nziza, mu gihe tugitwikiriwe imbere y'Ukugaragara Kwawe, tukubona Ugenda utambuka mu bantu bateranye, ukiza abarwayi ahantu hose. Uri Imana koko. Ndagusaba ngo Uzakize abari hano bose. Reka Umwuka w'Imana uze mu mitima yabo, kandi ubamenyeshe ko igihe kigiye. Dufite igihe gito gusa turi hano, noneho tukajya kubana na We Uwo dukunda. Noneho reka ubu Ukugaragara Kwe kuzane gukira kuri buri wese.

163 Twamaganye Satani, twamaganye ibikorwa bye byose. Mw'izina rya Yesu Kristo, Satani, uturuka mu bantu.

164 Abantu bose baramwizera We nonaha, nimwakire gukira kwanyu, muhagarare n'ibirenge byanyu, muvuge muti: “Ubu ndahagurutse ngo nakire gukira kwanjye. Ndabyizeye.” Utitaye ku miterere yawe, niba ubyizera rwose, uhagarare ku birenge

byawe. Noneho zamura ibiganza byawe, maze uvuge uti:
“Urakoze, Mwami Yesu, kunkiza.” Imana ibane namwe. Amina.



65-0118 Imbuto Yo Kunyuranya
Hoteri yitwa Westward Ho
Fowenigisi, Arizona Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org